
CVT Rwanda

Children's Voice Today

# UMURONGO NTEGANYABIKORWA

2021-2025



# Abo turi bo

Children's Voice Today (CVT) ni umuryango uyobowe n'abana n'urubyiruko washinzwe mu 2001 ugamije guteza imbere uburenganzira bw'abana binyujijwe mu guha umwana uruhare rugaragara, aho abana n'urubyiruko batangiza kandi bakayobora ibikorwa byose by'umuryango. CVT ubu dukorera mu turere cumi na dutanu (15) tw'u Rwanda aho duteza imbere tukanayobora ibikorwa bijyanye no kwimakaza uburenganzira bw'abana ndetse no gushimangira uruhare rwabo mu ntara uko ari enye (4) n'Umujyi wa Kigali.

# Ikigenderewe

Umuryango mugari ubereye umwana aho abana bagenerwa uburenganzira bwabo nta vangura kandi bagahabwa amahirwe amwe yo gukura ibijyanye n'ubushobozi bwabo byose.

# Inshingano

Kuba ijwi ry'abana b'abakobwa n'abahungu b'u Rwanda, kubaha ubushobozi bwo guharanira uburenganzira bwabo no kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana.

## IBYEREKEZO NTEGANYABIKORWA 2021-2025

Mu gihe cy'imyaka itanu (2021-2025), CVT yiyemeje guhuriza ibikorwa byabo mu byerekezo nteganyabikorwa bitatu. Ibyo byerekezo byagenwe n'abanyamuryango ba CVT harimo abana, komite nyobozi, abakozi n'abandi bafatanyabikorwa b'ingenzi bakorana n'abana mu Rwanda.


Ibi byerekezo nteganyabikorwa bijyanye n'umurongo isi yihaye kugeza mu 2030 wubakiye ku nkingi 17 z'Iterambere Rirambye, by'umwihariko mu nkingi ya 1,2,3,4,5,6 ndetse n'iya 16 zirebana cyane n'ibibazo bibangamiye abana.



1 NO POVERTY
2 ZERO HUNGER
3 GOOD HEALTH AND WELL-BEING
4 QUALITY EDUCATION
6 CLEAN WATER AND SANITATION
8 DECENT WORK AND ECONOMIC GROWTH
9 INDUSTRY, INNOVATION AND INFRASTRUCTURE
SUSTAINABLE DEVELOPMENT GOALS
11 SUSTAINABLE CITIES AND COMMUNITIES
12 RESPONSIBLE CONSUMPTION AND PRODUCTION
13 CLIMATE ACTION
16 PEACE, JUSTICE AND STRONG INSTITUTIONS


# Guharanira uburenganzira bw'umwana bwo kurindwa

CVT izakora ibikorwa byo gufasha abana bari mu mirimo ivunanye, kongerera abana ubumenyi kubijyanye n'Ubuzima bw'Imyororokere n'uburenganzira bujyanye na byo ndetse no kubafasha kugezwaho serivisi zijyanye na byo. Hakazakorwa kandi n'ibikorwa bigamije kurwanya ibihano bibabaza umubiri n'umutima bihabwa abana ahantu hatandukanye.

**Amafaranga bizatwara:** → **42,750,000 Frw**









# Guharanira uburenganzira bw'umwana bwo kugira uruhare


CVT izakora ibikorwa bijyanye no gufasha ndetse no kongerera ubushobozi abana kugirango babashe kugira uruhare mu bibazo bireba ubuzima bwabo. Ibyo bikorwa bizaba bikubiyemo guharanira no kongera uruhare rw'abana mu ikorwa ry'igenamigambi n'ingengo y'imari, mu buvugizi bukozwe n'abana, mu guteza imbere uburinganire, mu gukurikirana uburenganzira bw'umwana/bwa muntu no kubutangaho amakuru ndetse no kurinda ibidukikije.

**Amafaranga bizatwara:** → **99,075,000 Frw**









## Guteza imbere umuco n'indimi mu bana

CVT izakora ibikorwa bigamije guteza imbere indangagaciro n'umuco bya Kinyarwanda, guha abana ubumenyi bwo kubasha kuvugira mu ruhame ndetse no kubongerera ubumenyi mu ndimi zikoreshwa mu Rwanda ari zo Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa.

**Amafaranga bizatwara:** → **61,500,000 Frw**


**INGENGO Y'IMARI MBUMBE: 255,950,000 Frw**





# UKO TUZABIGERAHO

CVT izaha abana ubushobozi binyujijwe mu matsinda y'abana buzababafasha guharanira uburenganzira bwabo. Tuzakangurira imiryango n'abaturage ibijyanye n'uburenganzira bw'abana ndetse no kubarinda. Hamwe n'abafatanyabikorwa bacu batandukanye tuzakora ibikorwa byo gukorera abana ubuvugizi ku bo bireba; ibi byose bikazakorwa mu ntego imwe yo guharanira impinduka, gutangiza ndetse gushyira mu bikorwa ingamba ngari zirebana n'abana.



Children's
Voice Today

## AHO TUBARIZWA

(+250) 789 003 737

P.O. Box 1253 Kigali
KN 9 Ave, Kigali-Rwanda

info.childrensvoicetoday.org
childrenrwanda@gmail.com

www.childrensvoicetoday.org

@cvtrw

childrensvoicetoday

@cvtrwanda

CVT
Rwanda

**Children'S**
**Voice Today**

